رئاسة الشؤون الدينية
بالمسجد الحرام والمسجد النبوي

Ikinyarwanda | كينيارواندي | الوَسَائِلُ المُفِيدَةُ لِلحَيَاةِ السَّعِيدَةِ

# UBURYO NGIRAKAMARO BUKUGEZA KU BUZIMA BW'UMUNEZERO

Sheikh Abdu Rahman Ibun Naswir A-Si'idiy

ⓒجمعية خدمة المحتوى الإسلامي باللغات ، ١٤٤٧هـ

السعدي ، عبدالرحمن
الوسائل المفيدة للحياة السعيدة - كينيا رواندي. / عبدالرحمن السعدي ؛ جمعية خدمة المحتوى الإسلامي باللغات - ط١. .- الرياض ، ١٤٤٧هـ
٣٠ ص ؛ ..سم

**رقم الإيداع: ١٤٤٧/٣٨٦٨**
**ردمك: ٩٧٨-٦٠٣-٨٥٧٠-٣٥-٧**

# الوَسَائِلُ المُفِيدَةُ لِلحَيَاةِ السَّعِيدَةِ

# UBURYO NGIRAKAMARO BUKUGEZA KU BUZIMA BW'UMUNEZERO


الشَّيْخُ عَبْدُ الرَّحمَنِ بْنُ نَاصِرٍ السَّعْدِيُّ

رَحِمَهُ اللهُ

**Sheikh Abdu Rahman Ibun Naswir A-Si'idiy**
**(Allah amugirire impuhwe)**

بِسْمِ اللّٰهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

# UBURYO NGIRAKAMARO BUKUGEZA KU BUZIMA BW'UMUNEZERO

**Cyanditswe na:**

## Ijambo ry'ibanze ry'umwanditsi.

Ishimwe n'ikuzo ni ibya Allah we ukwiye amashimwe yose, ndahamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Imana imwe rukumbi, nkanahamya ko Muhamad ari umugaragu we akaba n'intumwa ye, Allah amuhundagazeho amahoro n'imigisha we n'abiwe n'abasangirangendo be bose.

Nyuma y'ibyo: Mu by'ukuri umututuzo w'umutima ibyishimo kugira amahoro nibyo buri wese aharanira,ibyo nibyo bitanga ubuzima bwiza n'ibyishimo, ibyo bigira impamvu zibitera,yaba impamvu karemano, impamvu zibikorwa byacu akazi dukora, kandi ibi byose nta muntu ushobora kubibona icyarimwe uretse abemeramana gusa. Naho abandi batari bo, n'ubwo bashobora kugira ibyo babona mu buryo bumwe cyangwa se ubundi ari uko babanje kubiharanira, hari ibindi byinshi ngirakamaro bitari kubagora kubigeraho, ndetse byari gutuma bagera ku iherezo ryiza hano ku isi no ku munsi w'imperuka byabatambutseho.

Ariko muri ubu butumwa bwanjye ndavuga kuri

zimwe mu mpamvu nibuka zatuma buri wese agera kuri iyi ntego iruta izindi.

Mu bantu hari abageze kuri nyinshi muri izi mpamvu, abaho ubuzima bwiza, no muri bo hari abatsinzwe ntibagera ku ntego, bituma babaho ubuzima bubi, ndetse abaho ubuzima bw'abihebye. Hari n'abandi muri bo bari hagati no hagati bijyanye n'ibyo yashobojwe gukora. Allah niwe Muterankunga, mushoboza w'ibyiza, ndetse akanakuriraho abantu ibibi.

## ICYIGWA:

1-IMPAMVU NYAMUKURU YUBAKIYEHO IKABA SHINGIRO RY'IZINDI NI UKWEMERA ALLAH NO GUKORA IBIKORWA BYIZA. Allah Nyir'ubutagatifu:

﴿مَنْ عَمِلَ صَالِحًا مِّن ذَكَرٍ أَوْ أُنثَىٰ وَهُوَ مُؤْمِنٌ فَلَنُحْيِيَنَّهُ حَيَاةً طَيِّبَةً ۖ وَلَنَجْزِيَنَّهُمْ أَجْرَهُم بِأَحْسَنِ مَا كَانُوا يَعْمَلُونَ ﴿٩٧﴾﴾

(Ukoze ibitunganye, yaba uw’igitsina gabo cyangwa uw’igitsina gore, kandi akaba ari umwemeramana, rwose tuzamuha ubuzima bwiza, ndetse tuzabagororerera ibihembo byabo byiza kurusha ibyo bakoraga.) [Surat A-Nah'li: 97]

Allah muri uyu murongo aragaragaza anasezeranya uwo ari we wese wahurije hamwe kwemera no gukora ibikorwa byiza ko azabaho ubuzima bwiza hano mu isi, ndetse aranamusezeranya ingororano muri iyi si no ku munsi w'imperuka.

Kandi impamvu yabyo iragaragara: Kubera ko abemeramana by'ukuri, bibageza ku gukora ibikorwa byiza bitunganya imitima, imyifatire n'imibereho yabo ha no ku isi ndetse no ku munsi w'imperuka, baba bafite imisingi bapimiraho impamvu zose zibatera kwishima no kugera ku munezero, ndetse n'izindi zibatera guhagarika umutima, agahinda n'imibabaro.

Bagera ku byiza n'ibishimishije babyakira ndetse babyishimira, ndetse bakanabikoresha mu bibafitiye umumaro; iyo babikoresheje muri ubu buryo bibageza ku munezero, ndetse bakaniringira imigisha kandi izahoraho, bakaniringira ingororano z'abashimira; ibintu bihambaye biruse uyu munezero bagize.

Banahura n'ibibi n'ibibabaje ndetse n'ibitera umubabaro bahangana nabyo bikaborohereza kubyihanganira, no kwihangana kwiza ku byo badafite aho babihungira; ni ku bw'ibyo bahura n'ingaruka z'ibibi by'ibibageraho bahangana nabyo, ndetse n'ingero zo mu buzima. Ariko binyuze mu kwihangana no kwiringira ingororano zo kwihangana bituma ibigoye kuri bo biborohera bakabisimbuza ibyiza no kwizera ibyiza, ndetse no kurarikira ibyiza n'ingororano biturutse kwa Allah, nk'uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabigaragaje muri Hadithi yayo y'impamo igira iti:

(عَجَبًا لِأَمْرِ الْمُؤْمِنِ، إِنَّ أَمْرَهُ كُلَّهُ خَيْرٌ، إِنْ أَصَابَتْهُ سَرَّاءُ شَكَرَ فَكَانَ خَيْرًا لَهُ، وَإِنْ أَصَابَتْهُ ضَرَّاءُ صَبَرَ فَكَانَ خَيْرًا لَهُ، وَلَيْسَ ذَلِكَ لِأَحَدٍ إِلَّا لِلْمُؤْمِنِ)

(Iby'umwemeramana biratangaje; ibyo byose kuri we biba ari byiza, iyo agezweho n'ibimushimishije arashimira bikaba byiza kuri we, n'iyo agezweho n'ibitamushimishije awihangana nabyo bikaba byiza kuri we; ari ko ibi nta wundi bijya bibaho uretse umwemeramana). (Yakiriwe na Muslimu).

Aha Intumwa y''Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umwemeramana ingororano ze n'ibyiza bye byikuba inshuro nyinshi, ndetse n'umusaruro w'ibikorwa bye ku bimugeraho byose byaba ibyo yishimiye cyangwa se atishimiye. Niyo mpamvu ushobora kubona abantu babi umwe muri bo yagezweho n'icyiza, undi agerwaho n'ikibi, ariko bagatandukana mu buryo bugaragara mu kubyakira, kubera ko batandukanye mu kwemera no mu gukora ibikorwa byiza. Umuntu urangwa n'ibi bintu bibiri (kwemera Allah no gukora ibikorwa byiza) yakira icyiza cyangwa se ikibi mu buryo twavuze hejuru arashimira ndetse akanihangana n'ibindi bijyanye nabyo, biagtuma agira umunezero, bikamukuriraho akababaro n'agahinda no guhagarika umutima, ndetse no kumva yihebye, no kubaho ubuzima bubi, Kandi bigatuma abaho ubuzima bwiza muri iyi si. Naho undi abyakira atishimye, ndetse anigomeka,

anakora ibikorwa bibi, bigatuma imyifatire ye iba mibi, akabyakira nk'uko inyamaswa zakirana ibyo kurya umururumba n'ubusambo. Ariko hamwe n'ibyo ntabwo aba atuje mu mutima we, nta n'ubwo ibitekerezo bye mu mpande zose biba biri hamwe, kubera ko aba afite ubwoba ko yabura ibyo akunze, ndetse no kwiyumva muri we ko atabyemera. Mu rundi ruhande nuko imitima itajya igira igaruriro ahubwo iba irangabiye ibindi bintu bishobora kuba cyangwa se ntibibe, kandi n'ubwo yabigeraho ku bw'itegeko n'igeno ahora ahagaritse umutima. Naho ibyago byo abyakirana umunabi n’ubwoba no kwiheba, ntubaze ibimubaho byerekeranye no kubaho ubuzima bubi, n'indwara z'imitekerereze, no kugira ubwoba bishobora kumugeza ahabi cyane, kubera ko atiringiye ingororano ndetse akaba nta no kwihangana afite kumukomeza, kukatanatuma ibyago yahuye nabyo byoroha.

Ibi byose biragaragara kandi bibaho, urugero rwa kimwe muri byo iyo urutekerejeho ukaruhuza n'uburyo abantu babayeho, ubona itandukaniro rinini hagati y'umwemeramana ushyira mu bikorwa ibyo ukwemera kwe kumusaba n'undi utari we. Ari ryo ry'uko ukwemera gushishikariza mu buryo bukomeye kunyurwa n'ibyo Allah yaguhitiyemo, ndetse n'ibyo yahaye abagaragu be n'ibyo yabagabiye bitandukanye.

Umwemera mana rero iyo ageragejwe akagerwaho n’uburwayi cyangwa se ubukene

cyangwa ikindi icyo aricyo cyose gishobora kumubaho, kubera ukwemera kwe no kubera kunyurwa kwe n’ibyo Allah yamugeneye ndetse no kubyakira, aba atuje kandi ntasaba umutima we ibyo udashoboye ahubwo areba uri munsi ye utameze nkawe nta narebe umurenze; hari n'ubwo bishobora gutuma arushaho kwishima no kugira ituze kubera undi wabonye ibyo mu isi utarahawe kunyurwa!

Iyo rero adafite kunyurwa nkuko tubona benshi badafite ibikorwa bijyanye n’ukwemera kwabo, iyo ageragejwe n’ubukene cyangwa akabura bimwe mubyo yifuzaga bya hano ku isi usanga yihebye cyane kandi anahangayitse.

Urundi rugero: Iyo habayeho impamvu zituma umuntu agira ubwoba, ndetse no guhura n'ibimubabaza abona ukwemera nyakuri mu mutima we, afite ituze, yiyizeye muri we kunesha ikibazo yahuye nacyo byaba mu bitekerezo, mu mvugo ndetse no mu bikorwa. Ibi bituma agira ituze muri we, bikanamuruhura, ndetse bigaha ihumure umutima we.

Ni nkuko usanga umuntu udafite ukwemera aba abayeho ubuzima butandukanye n'ubu, iyo agezweho n'ibimuteye ubwoba, biramubangamira bikamubuza amahoro, agahagarika umutima, ibitekerezo bye bigatatana, agasabwa n'ubwoba n'igihunga muri we, ndetse n'ibiturutse hanze ye, mu buryo bukomeye. Abantu nkaba rero iyo

batabonye ibituma batekana bigerwa kubera kubyitoza, imbaraga zabo zirashira kubera kutagira ukwemera no kwizera byo bituma bagira ukwihangana, by'umwihariko mu bihe bibi bikomeye biteye agahinda.

Bityo umuntu ukora ibyiza n’ukora ibibi, umwemera cyangwa se umuhakanyi bahuriye ku kugira ubutwari bwo guhangana n'ibibazo n'ibyiyumviro byoroshya ibibabayeho biteye ubwoba, ariko aho umwemeramana atandukaniyeho n'abandi ni imbaraga z'ukwemera aba afite no kwihangana kwe, ndetse no kwiringira Allah kwe, no kwizera ingororano za Allah bimwongerera ubutwari bwe, ndetse bikanamworohereza ubwoba yari afite, n'ibigoye bikamworohera, nkuko Allah yabivuze agira ati:

﴿إِن تَكُونُوا تَأْلَمُونَ فَإِنَّهُمْ يَأْلَمُونَ كَمَا تَأْلَمُونَ وَتَرْجُونَ مِنَ اللَّهِ مَا لَا يَرْجُونَ ۝١٠٤﴾

(Niba mubabara na bo bababara nkamwe, ariko mukiringira (ibihembo) kwa Allah; bo batiringira...) [A-Nisa-u: 104] Babona kandi inkunga iturutse kwa Allah ku buryo bw'umwihariko, ari byo bituma ibyabateraga ubwoba birangira. Allah Nyir'ubutagatifu yaravuze ati :

﴿...وَاصْبِرُوا ۚ إِنَّ اللَّهَ مَعَ الصَّابِرِينَ﴾

(...ndetse mujye mwihangana; mu by’ukuri Allah ari kumwe n’abihangana). [Al Anfal:46].

2-NO MU MPAMVU ZIKURAHO IMIHANGAYIKO N'AGAHINDA NDETSE NO GUHAGARIKA UMUTIMA; NI UKUGIRIRA NEZA IBIREMWA BYABA MU MVUGO CYANGWA SE MU BIKORWA, N'ANDI MOKO Y'IBYIZA. Ibi byose kandi ni byiza, ni nabyo bituma Allah arinda imihangayiko no guhagarika umutima abeza n'ababi, ariko umwemeramana we ku buryo bw'umwihariko abigiramo umugabane ukomeye, kubera ko afite umwihariko wo kuba ineza ye ayikoranye umutima mwiza wo kubyegurira Allah, no kwiringira ingororano ze,

bigatuma Allah abimworohereza kubera iyo neza ye n'ibyo byiza yakoze, ndetse akanamurinda ibibi kubera kubyagurira kwe Allah no kwiringira ingororano ze. Allah aragira ati:

﴿لَا خَيْرَ فِي كَثِيرٍ مِّن نَّجْوَىٰهُمْ إِلَّا مَنْ أَمَرَ بِصَدَقَةٍ أَوْ مَعْرُوفٍ أَوْ إِصْلَاحٍ بَيْنَ النَّاسِ وَمَن يَفْعَلْ ذَٰلِكَ ابْتِغَآءَ مَرْضَاتِ اللَّهِ فَسَوْفَ نُؤْتِيهِ أَجْرًا عَظِيمًا ١١٤﴾

(Nta cyiza na kimwe kiba muri byinshi mu biganiro byabo by'ibanga, keretse (ibiganiro) by'ubwiriza gutanga amaturo, gukora ibikorwa byiza cyangwa kunga abantu. N'uzakora ibyo agamije kwishimirwa na Allah, tuzamugororera ibihembo bihambaye.) [A-Nisa-u: 114]

Aha ngaha rero Allah aravuga ko ibi byose ari byiza kuri wa wundi wabikoze, kandi ibyiza bizana ibyiza, ndetse bikanabuza ibibi, kandi ko

umwemeramana wiringiye ibihembo kwa Allah, Allah azamugororera ingororano zihambaye. No muri zo harimo:

Kurangira kw'imihangayiko n'imibabaro n'ibindi nkabyo;

## ICYIGWA:

NO MU MPAMVU ZITUMA UMUNTU ARINDWA IMIHANGAYIKO N'AGAHINDA GAKABIJE NI:

KWITA KURI KIMWE MU BIKORWA CYANGWA SE BUMWE MU BUMENYI NGIRAKAMARO, BIRINDA UMUTIMA UMUHANGAYIKO NO KWIHEBA NO KUDATINDA KU MPAMVU YAMUTEYE UWO MUHANGAYIKO. Hari n'ubwo byatuma yibagirwa impamvu zamuteye agahinda, maze umutima we ukanezerwa, umuhate we ukiyongera. Iyi mpamvu nayo umwemeramana n'utari we bayihuriyeho. Ariko umwemeramana agira umwihariko w'uko afite ukwemera ndetse akorera Allah kandi yizeye ingororano ze, kubera kwitabwe kuri ubwo bumenyi ari kwiga cyangwa se ari kwigisha, ndetse no gukora ibikorwa azi. Iyo ari igikorwa cyo kwiyegereza Allah kiba ari Ibadat, n'iyo ari igikorwa cyo mu buzima bw'iyi si giherekezwa n'umugambi mwiza, no kugambirira gusaba inkunga Allah yo kumvira Allah .

Kandi ibyo bigira umumaro ukomeye kandi ufatika mu gukumira agahinda n'imibabaro; ni bangahe mu bantu bahuye n'ibigeragezo

by'agahinda no guhagarika umutima ndetse n'imibabaro, bakagerwaho n'indwara z'amoko atandukanye, umutima wabyo ukaba (Kwibagirwa impamvu yamuteye iyo mibabaro n'agahinda, ndetse akita kugukora ibikorwa bimureba.)

Biranakwiye kandi ko umuntu akwiye guhugira mu byo umutima we urangamiye kandi wifuza; kubera ko ari byo bituma agera ku cyo ashatse kimufitiye umumaro. Allah niwe mumenyi uhebuje.

No mu bindi bikuraho umubabaro n'agahinda ni:

Guhuriza hamwe ibitekerezo mu kwita ku kazi ka none, no kureka kwita kubizaza, cyangwa se ngo umuntu aterwe agahinda k'ibyahise.

Niyo mpamvu Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yajyaga isaba Allah ngo amurinde kugira umubabaro ukabije n'agahinda, kubera ko guterwa agahinda n'ibyahise udashobora kugarura cyangwa se gukosora, no guhangayikira ibizaza mu nzagihe, umuntu aba akwiye kubaho ibihe arimo, no gushyira umuhate we wose ndetse n'imbaraga ze mu bihe bya none abayeho, agaharanira kubikosora. Iyo umutima we wose awushyize kuri byo, bituma atunganya ibikorwa bye, bikanamurinda kugira agahinda n'imihangayiko. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) rero yajyaga isaba Allah ubusabe ndetse ikanigisha abayoboke bayo uburyo bwo gusaba, ishishikariza gusaba Allah inkunga, no kurarikira ingabire ze, no kugira umuhate mu

kugera kubyo asaba, no kwirinda ibyo yasabaga ko yamurinda, kubera ko ubusabe buhura n'ibikorwa; bityo umugaragu akwiye kugira umuhate wo gukora ibimufitiye akamaro mu kwemera kwe no mu mibereho ye, ndetse akanasaba Nyagasani we kugera ku byo yifuza, nk'uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabivuze igira iti:

(احْرِصْ عَلَىٰ مَا يَنْفَعُكَ، وَاسْتَعِنْ بِاللَّهِ، وَلَا تَعْجِزْ، وَإِذَا أَصَابَكَ شَيْءٌ فَلَا تَقُلْ: لَوْ أَنِّي فَعَلْتُ كَذَا كَانَ كَذَا وَكَذَا، وَلَـٰكِنْ قُلْ: قَدَرُ اللَّهِ وَمَا شَاءَ فَعَلَ، فَإِنَّ "لَوْ" تَفْتَحُ عَمَلَ الشَّيْطَانِ)

(Jya uharanira gukora ibigufitiye akamaro, uniringire Allah kandi ntucike intege, kandi n'ugerwaho n'ikibi ntuzavuge uti: Iyo mbigenza gutya bayri kugenda gutya na gutya, ahubwo ujye uvuga uti: Allah niko yabigennye kandi ibyo yashatse bigenda uko ashaka, kubera ko kuvuga ngo iyo,... bifungura imiryango y'ibikorwa bya Shaytwani. [Yakiriwe na Muslim] Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yakusanyirihe hamwe gushishikarira gukora ibikorwa bifite akamaro uko ibintu byaba bimeze kose, no gusaba inkunga Allah, no kutumvira kunanirwa no gutsindwa, ari byo kugira ubunebwe bushobora kugira ingaruka, no hagati yo kwakira no kwemera ibyabaye byashize, no kureba igeno rya Allah.

Ndetse no kugabanyamo ibice bibiri:

Igice cya mbere ni aho umugaragu ashobora

guharanira kubigeraho cyangwa se kugera ku byo ashoboye, cyangwa se kubyirinda cyangwa se kubyoroshya, aha umugaragu ashyiraho umuhate akanasaba Nyagasani we kubimuteramo inkunga. Igice cya kabiri ni aho umugaragu adashoboye kubigiramo uruhare; aha arabyakira akanabyemera akakira igeno, kandi ni ngombwa ko kwitwararika iki kintu ari imwe mu moamvu zo kugera ku munezero no kurangira kw'imihangayiko n'agahinda.

## ICYIGWA:

MU MPAMVU ZIKOMEYE ZITUMA IGITUZA CYAGUKA KIKANAGIRA ITUZE NI: (GUSINGIZA ALLAH KENSHI), KUKO BIGIRA INGARUKA ZIHAMBAYE MU KWAGUKA KW'IGITUZA NO KUGIRA ITUZE, NO KURANGIRA KW'AGAHINDA N'IMIHANGAYIKO. Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿...أَلَا بِذِكْرِ اللَّهِ تَطْمَئِنُّ الْقُلُوبُ﴾

(Mu by'ukuri mumenye ko gusingiza Allah bituma imitima ituza.) [A-Ra'ad:28] Gusingiza Allah bifite uruhare runini mu gutuma ibyo umugaragu yifuza abigeraho, ndetse no kubona ingabire n'imigisha yabyo.

Gusingiza Allah bifite uruhare runini mu gutuma ibyo umugaragu yifuza abigeraho, ndetse no kubona ingabire n'imigisha yabyo.

Ni nk'uko nanone kugaragaza ingabire za Allah

mu bigaragara no mu bitagaragara; kubera ko kuzimenya no kuzigaragaza, bituma Allah akurinda agahinda n'umubabaro, ndetse bikanashishikariza umugaragu gushimira ingabire za Allah rwo rwego ruruta izindi, kabone n'iyo umugaragu yaba ari mu bucyene cyangwa se uburwayi, cyangwa se n'ibindi bigeragezo.

Iyo rero agerageje kugereranya hagati y'ingabire za Allah zitarondoreka ndetse zitabarika, no hagati y'ibyago byamubayeho, ibyo byago ntiwabigereranya n'izo ngabire.

Iyo rero agerageje kugereranya hagati y'ingabire za Allah zitarondoreka ndetse zitabarika, no hagati y'ibyago byamubayeho, ibyo byago ntiwabigereranya n'izo ngabire.

Ariko iyo Allah ateje umugaragu we ibyago n'ibigeragezo, hanyuma akabigiramo kwihangana akabyakira ndetse akabyemera, biramworohera, n'ububukana bwabyo bukoroha. Umugaragu wari utegereje ibihembo n'ingororano zabyo ndetse no kugaragira Allah akihangana ndetse akakira igeno, bituma ibintu bimukomereye bimuryohera, uburyohe bw'ingororano bukamwibagiza ububabare kubera kwihangana kwe.

N'ibintu ngirakamaro byafasha muri ibi ni ibi bikurikira:

Gukoresha umuyoboro w’Intumwa y’Imana (Imana imuhe amahoro n’imigisha) mu mvugo zayo aho yavuze iti:

(انظُرُوا إِلَى مَنْ هُوَ أَسْفَلَ مِنكُمْ، وَلَا تَنظُرُوا إِلَى مَنْ هُوَ فَوْقَكُمْ، فَإِنَّهُ أَجْدَرُ أَلَّا تَزْدَرُوا نِعْمَةَ اللَّهِ عَلَيْكُمْ)

(Mujye mureba abari munsi yanyu mu bushobozi, ntimukarebe abari hejuru yanyu, kubera ko ibyo ari byo bizatuma mudasuzugura ingabire za Allah kuri mwe). [Yakiriwe na Bukhari] Iyo rero umuntu akoresheje amaso ye agashishoza kuri ibi, yisanga aruta benshi mu bantu byaba mu mibereho n'ibindi biyishamikiyeho, ndetse no mu ngabire za Allah uko ibihe byaba bimeze kose, bigatuma umuhangayiko yari afite n'agahinda birangira, akarushaho kwishima no gukunda ingabire za Allah yamurutishije benshi bari munsi ye.

Na buri uko umugaragu akomeje gutekereza ku ngabire za Allah zigaragara n'izitagaragara, izo mu kwemera n'izo mu mibereho, asanga Nyagasani we yaramuhaye ibyiza byinshi, ndetse anamurinde ibibi byinshi. Nta gushidikanya kandi ko ibi bimukiza agahidna n'imihangayiko, ndetse bikanatera umunezero.

## ICYIGWA:

NO MU MPAMVU ZITERA IBYISHIMO N'UMUNEZERO NO KUVANAHO UMUBABARO, HARIMO:

GUHARANIRA GUKURAHO IMPAMVU ZITERA IMIHANGAYIKO N'AGAHINDA, NO GUSHYIRAHO IMPAMVU ZOSE ZATERA UMUNEZERO, IBI RERO BIGERWAHO ARI UKO UMUNTU YIYIBAGIJE IBIHE

BIBI BYATAMBUTSE YANYUZEMO ADASHOBORA KUGARURA, NO KUMENYA KO KUBITECYEREZAHO ARI UGUTA IGIHE NO GUKINA KANDI KO BIDASHOBOKA, KANDI KO ARI N'UBUJIJI N'UBUSAZI! Bityo agaharanira kurwanya umutima we awurinda kubitekerezaho, akanarwanya umutima we awurinda guhangayikira ibimugezeho aba yibwira nk'ubucyene, cyangwa se ubwoba cyangwa se n'ibindi bibi acyeka ko byazamubaho mu gihe kizaza. Agomba kumenya rero ko iby'ejo bizamubaho byaba byiza cyangwa se bibi n'inzozi ze, ndetse n'ibizamubabaza bitazwi kandi ko bigengwa na Allah Nyir'icyubahiro Nyir'ubugenge, ntibiri mu bushobozi bw'abagaragu nta n'icyo bashobora kubihinduraho usibye gusa guharanira kugera ku byiza muri byo, no kwirinda ibibi muri byo. Kandi umugaragu akazirikana ko iyo ibitekerezo bye abirinze guhangayika kubera ejo he, akiringira Nyagasani we wenyine agatuza muri we, nabigenza gutyo azigira ituze, n'ibye bitungane, ndetse n'imihangayiko yari afite ikarangira.

No mu bindi bintu ngirakamaro mu gutekereza ku bihe bizaza ni:

Gukoresha ubu busabe Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yajyaga yifashisha mu gusaba igira iti:

(اللَّهُمَّ أَصْلِحْ لِي دِينِيَ الَّذِي هُوَ عِصْمَةُ أَمْرِي، وَأَصْلِحْ لِي دُنْيَايَ الَّتِي فِيهَا مَعَاشِي، وَأَصْلِحْ لِيَ آخِرَتِيَ الَّتِيَ إِلَيْهَا مَعَادِي، وَاجْعَلِ الْحَيَاةَ زِيَادَةً لِّي فِي كُلِّ خَيْرٍ، وَالْمَوْتَ رَاحَةً لِّي مِن كُلِّ شَرٍّ)

(ALLAHUMA ASW'LIH LII DINI LADHI HUWA I'SWMATU AMRII, WA ASW'LIH LI DUN'YAYA LATI FIHA MA'ASHI, WA ASW'LIH LI AKHIRATI LATI FIHA MA'ADII, WADJ'ALKIL HAYATA ZIYADATAN LI FI KULI KHAYRIN, WAL MAWA'TA RAHATAN LI MIN KULI SHARIN: Mana Nyagasani ntunganyiriza ukwemera kwanjye kwo shingiro ry'ibikorwa byanjye byose, unantunganyirize isi yanjye iriho imibereho yanjye, unantunganyirizeimperuka yanjye yo sezerano ryanjye, n'ubuzima bwanjye ubugire inyongera yo gukora ibyiza, no gupfa kwanjye uzabigire ikiruhuko cy'ibibi byose.) (Yakiriwe na Muslimu). N'ubundi busabe bwayo bugira buti:

(اللَّهُمَّ رَحْمَتَكَ أَرْجُو، فَلَا تَكِلْنِي إِلَىٰ نَفْسِي طَرْفَةَ عَيْنٍ، وَأَصْلِحْ لِي شَأْنِي كُلَّهُ، لَآ إِلَٰهَ إِلَّآ أَنتَ)

(ALLAHUMA RAHMATAKA AR'DJU, FALA TAKIL'NII ILA NAF'SII TWAR'FATA A'AYNI, WA ASW'LIH LII SHA'ANII KULAHU, LA ILAHA ILA ANTA: Mana Nyagasani niringiye impuhwe zawe, bityo ntuzantetererane n'akanya na gato, kandi uzantunganyirize gahunda zanjye zose, nta y'indi mana niringiye uretse wowe.) [Yakiriwe na Abu

Dawud mu ruhererekane rw'impamo]. Iyo rero umuntu asabye ubu busabe bwuje ugutunganirwa kw'ejo hazaza mu kwemera kwe ndetse no mu mibereho ye, akabisaba abikuye ku mutima, afite n’umugambi w’ukuri, akanihatira gukora ibituma ubusabe bwe bushoboka, Allah amushyirira mu bikorwa ibyo yasabye n’ibyo yari yiringiye akanabikorera, ndetse umubabaro n'agahinda bigahinduka ibyishimo n'umunezero.

## ICYIGWA:

NO MU MPAMVU Z'INGENZI NGIRAKAMARO ZAKURIRAHO UMUGARAGU IMIBABARO N'IMIHANGAYIKO:

Ni uko yaharanira kuzigabanya no kuzoroshya, ateganya uko bizarangira, ndetse akanatuza mu mutima we; ibyo naramuka abikoze, ajye aharanira uko abishoboye kubigabanya no kubyoroshya. Muri uko gutuza muri we, no kubiharanira bimugabanyiriza imihangayiko n'agahinda gakabije, ahubwo akaba umwe muri aba bakurikira:

Guharanira gukora ibimufitiye akamaro, no kwirinda ibimugiraho ingaruka byorohera umugaragu kubikora;

Iyo rero agize ubwoba, cyangwa se uburwayi, cyangwa se ubukene ndetse no kubura ibyo yakundaga bitandukanye, akwiye kubyakirana ituze muri we no kudahagarika umutima, ahubwo

ikirenze ibi nuko kugira ituze mu mutima witeguye ibibi byakubaho birabyirishya, byanakubaho ntibibe bigifite ubukana.

By'umwihariko iyo ahugiye mu kubirwanya uko abishoboye, bityo muri we agaharanira kugira ituze muri we, no gukroa ibishoboka byose ngo akore ikimufitiye akamaro kimubuza gutekereza ku byago n'ibimubabaje yagize, agaharanira kandi kuvugurura imbaraga ze zimushoboze guhangana n'ikibi, hamwe no kwiringira Allah muri byo, ndetse no kumwizera. Nta gushidikanya rero ko ibi bintu bifite umumaro ukomeye mu kuzana ituze no kugira amahoro y'umutima, hamwe n'ibiba bimubabaje, akabibonera ibihembo n'ingororano za hano ku isi n'izo ku munsi w'imperuka. Ibi nabyo ni ibintu bigaragara abantu babayemo, n'inshuro bibaho ni nyinshi.

## ICYIGWA:

NO MU MITI IKOMEYE IVURA UBURWAYI BWO MU MUTIMA, UBURAKARI NDETSE N'UBW'UMUBIRI:

Ni ukuba umutima ukomeye, utuje utababajwe n'ibintu bya baringa ndetse n'ibyifuzo bidafatika, kubera ko umuntu iyo yumviye ibyo byifuzo bye bitari byo, bigatuma umutima we ubabazwa nabyo, ukagerwaho n'ingaruka zikurikira: Nk'ubwoba n'izindi zitandukanye, uburakari, kubura amahoro mu mutima nabyo ni bimwe mu bintu bituma

umuntu ababara, no kubera ko igihe cyose aba yiteze ko hababaho ibitamushimishije, ndetse ko yabura ibyo akunze, bimutera muri we guhora ahangayitse no guhagarika umutima ndetse n'izindi ndwara zo mu mutima no mu mubiri, no gucika intege bimugiraho ingaruka mbi abantu benshi biboneye ingaruka zabyo nyinshi.

Ariko uwo umutima we wiringiye Allah, akaba ari we arangamira, ntiyumvire ibyifuzo bye bipfuye, ntayoborwe n'ibitekerezo bibi, akizera Allah, akarangamira ingabire ze, bimukuriraho ibyo bimubabaje n'ibimuteye agahinda, ndetse n'indwara nyinshi yari afite zigakira, akagira umunezero muri we mu buryo tutasobanura, kandi umutima we ukagira imbaraga, ni amavuriro angahe yuzuye abarwayi barwaye uburwayi budafatika, n'ibitekerezo bibi!

Ni bangahe ibi byagiye bisigira isomo mubantu bari bakomeye nyamara barabitewe n'abanyantegenke! N'umubare ungana gute byatumye bahubuka bakaba n'abasazi! Uwarokotse ni uwo Allah yorohereje akamuha guhangana n'umutima we ukagera kubifite akamaro biwurinda, Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿وَمَن يَتَوَكَّلْ عَلَى اللَّهِ فَهُوَ حَسْبُهُ...﴾

(...Kandi uwiringira Allah, aramuhagije.) [A-Twalaq: 3] Bisobanuye ngo aramuhagije muri byose bimubangamiye haba mu kwemera kwe no

mu mibereho ye.

Bityo uwiringiye Allah, aba afite umutima ukomeye, ntahungabanywa na baringa, ndetse nta n'ubwo abangamirwa n'ibiba kubera ko aba azi neza ko ibyo ari bimwe mu bigaragaza intege nke ze, n'ubwoba budafite ishingiro. Kandi akamenya ko hamwe n'ibyo byose ko Allah yishingiye wa wundi umwiringira kuzamurinda mu buryo bwuzuye, bityo akizera Allah, akiringira iserano rye, bityo ibimuhungabanya bikarangira, n'ibyari bimukomereye bikamworohera, n'ibyamuhangayikishaga bikamushimisha, n'ubwoba bwe bugahindukamo umutekano.

Turasaba Allah ko yaduha ubuzima bwiza, akanaduha imbaraga z'umutima, no gushikama ndetse no kumwiringira mu buryo bwuzuye, aba Allah yabasezeranyije ibyiza byose, no kubarinda ibibi byose.

## ICYIGWA:

13-Ku bijyanye n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) harimo inyugu ebyiri zihambaye:

(لَا يَفْرَكْ مُؤْمِنٌ مُؤْمِنَةً، إِنْ كَرِهَ مِنْهَا خُلُقًا رَضِيَ مِنْهَا خُلُقًا آخَرَ)

(Umwemeramana ntazarakarire umwemeramanakazi, nagira imico mibi amunengaho, ajye agira indi mico myiza amushimira.) [Yakiriwe na Muslim] Inyungu ebyiri zihambaye:

Inyungu ya mbere: Kuyobora ku kubanira neza umugore, umunyamuryango wa bugufi, n'umuturanyi, n'umukozi na buri wese mufitanye isano rya bugufi, kandi ko ari ngombwa kwiyakira ko ari ngombwa ko yaba afite inenge cyangwa se ukutuzura cyangwa se ikintu utishimiye. Iyo ubibonye, ugereranya hagati yabyo no hagati y'ibikureba cyangwa se ibyo ukwiye kuba urangwa nabyo nko guhozaho urukundo hagati yawe nawe, uzirikana ibyiza bye n'intego zihariye ndetse n'iza rusange. Uku kwirengagiza ibibi, no kwita kukureba ibyiza, bituma ubuvandimwe n'ubucuti biramba, ndetse n'ituze ry'umutima.

Inyungu ya kabiri: Ni ukuzirikana ko agahinda n'imibabaro n'imihangayiko birangira, hagasigara umwuka mwiza no guhozaho gushyira mu bikorwa inshingano zikureba n'ibindi uba ukundishwa gukora, ndetse no kuzana umwuka mwiza hagati y'impande zombi. Kandi umuntu utayobowe n'ibi Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze; ahubwo ni ikinyuranyo cyabyo, kuko kwita ku bibi no kwirengagiza ibyiza, byanze bikunze byatera umuntu guhangayika, kandi byatuma umubano we na bagenzi be uzamba, ndetse bikanatuma uburenganzira bundi abandi bamufiteho, atabwitwararika.

Abenshi mu bantu bafite ubushake n'umurava bigirira icyizere mu gihe bahuye n'ibigeragezo cyangwa se n'ibindi bibabujije amahoro bibabuza

kwihangana no kugira ituze muri bo, ari ko mu bintu byoroheje ugasanga barahangayitse, bakumva badatekanye muri bo. Impamvu y'ibyo byose kandi usanga babiterwa nuko baba barihaye amahoro muri bo no kwakira ibintu bikomeye, bakareka ibintu bito bito bigatuma bibagiraho ingaruka, bikanabangamira umutuzo wabo. Bityo umuntu utava ku izima, yiha ituze muri we ku bintu bito n'ibikuru, maze agasaba Allah kumutera inkunga no kutamutererana kabone n'ubwo byaba iby'akanya gato. Icyo gihe ibito biramworohera, nk'uko n'ibinini bimworohera; maze agasigara afite ituze mu mutima we, kandi yumva aruhutse muri we.

## ICYIGWA:

KU BIJYANYE N'UKO UMUNYABWENGE AZI NEZA KO UBUZIMA BW'UKURI ARI UBUZIMA BW'UMUNEZERO N'ITUZE, KANDI KO UBUZIMA ARI BUGUFI CYANE.

Umunyabwenge azi neza ko ubuzima nyakuri ari ubuzima bw'ibyishimo n'umunezero, kandi ko ubuzima ari bugufi cyane. Bityo ntibikwiye ko abuharira imihangayiko no gutinda cyane ku guhagarika umutima, kubera ko ibyo bihabanye n'ubuzima nyakuri, bigatuma aba umunyabugugu wabwo akemera kuba hari byinshi byamucika, asahuranwa n'ibimuhangayikishije. Kandi ibi nta tandukaniro riri hagati y'umuntu mwiza n'umubi,

ariko umwemeramana agaragarwaho n'ibi tuvuze ku kigero kinini, n'umugabane ngirakamaro kandi mu buryo bwihuse no mu buryo bw'igihe kirekire.

Nina ngombwa nanone ko umuntu niba agezweho n'ikibi cyangwa se icyo atinya ko agereranya hagati y'ingabire afite zaba izo mu kwemera kwe cyangwa se imibereho ye, no hagati y'ibyago byamubayeho bibi atishimiye.

Iyo abigereranyije abona byinshi mu ngabire afite, bigatuma n'ibyamubayeho atabiha agaciro imbere ye!

Ni nk'uko iyo agereranya hagati y'ibyamugiraho ingaruka bimuteye ubwoba, no hagati y'ibyo atinya byinshi yibaza uburyo yabivamo; bityo ntiyita ku byo acyeka bidafite imbaraga, ahubwo ibyo atekereza byinshi bifite imbaraga ni byo biganza.

Ibyo bituma umubabaro yari afite ndetse n’ubwoba birangira, agagereranya ibyo atekereza byamubaho, akiha amaharo muri we ko bishobora kumubaho ndetse agaharanira gukumira ibyari bitaramubaho, no kureka ibyamubayeho cyangwa se kubyoroshya.

No mu bindi bintu bifite akamaro: Nuko umenya ko kuba abantu bakubangamira, by'umwihariko mu mvugo mbi, bidakwiye kukubuza amahoro, ahubwo nibo bikwiye kubuza amahoro, cyeretse igihe ubihaye umwanya ndetse ukanabyitaho, ukabyemerera ko bikuyobora; icyo gihe bikubuza amahoro nkuko nabo byayababujije; ariko iyo

utabihaye agaciro ntacyo byakubangamiraho.

Ikindi ukwiye kumenya nuko ubuzima bwawe bushingira ku bitekerezo byawe, iyo rero ari ibitekerezo bikuzanira inyungu mu kwemera kwawe no mu mibereho yawe, icyo gihe ubuzima bwawe buba ubw'umunezero; iyo bitari ibyo biba ikinyuranyo.

No mu bindi bintu ngirakamaro bifasha mu kwirinda imibabaro:

Ni ukwiha amahoro muri wowe, ukumva ko udakwiye gushaka ishimwe kuwo ari we wese usibye kuri Allah; bityo iyo ugiriye neza ugufiteho uburenganzira cyangwa se utabugufiteho, menya ko iyo migirire yawe ari yo Allah ashaka, bityo ntiwita kugushaka ishimwe ry'uwo wagiriye neza, nk'uko Allah Nyir'ubutagatifu yabivuze ubwo yavugaga ibiranga abantu be b'umwihariko agira ati:

﴿إِنَّمَا نُطْعِمُكُمْ لِوَجْهِ اللَّهِ لَا نُرِيدُ مِنكُمْ جَزَآءً وَلَا شُكُورًا ۝٩﴾

(Rwose, turabagaburira kubera gushaka kwishimirwa na Allah. Nta nyiturano cyangwa ishimwe tubashakaho). [Al Insan: 9]

Ibi bishimangirwa n'imigirire hagati y'umuntu n'umugore we ndetse n'abana be, ndetse n'abo mufitanye isano; iyo wihaye amahoro muri wowe, yo kutabakekera ibibi, uba uruhuye abandi ndetse nawe uruhutse. No mu bituma umuntu agira ituze muri we, ni uguhitamo kwe ibyiza no kugerageza

kurangwa nabyo ashingiye kukuba nawe abyiyumvamo ariko bitarimo kwigora bituma ahangayika muri we, bigatuma wumva ipfunwe ry'uko ibyo byiza utabigezeho, kuko wakurikiye inzira irimo amakorosi. Ibi nabyo bikaba birimo ubushishozi n'ubugenge, no muri ibyo bikugiraho ingaruka haba harimo ibintu byiza, bikamwongerera ituze muri we, bikanamukiza guhagarika umutima.

Jya ukora ibintu ngirakamaro ndetse unabyiteho, uharanire ku bishyira mu bikorwa, ntiwite ku bikubuza amahoro, bikurangaza ntiwite ku mpamvu zigutera agahinda n'umuhangayiko, kandi ukifashisha kwiha ituze, umutima wawe ugahugira ku bikorwa by'ingenzi.

No mu bintu ngirakamaro:

Ni ugufata umwanzuro wo gukora ibikorwa by'ako kanya, no kwita ku hazaza, kubera ko ibikorwa iyo bidafatiwe umwanzuro, uhurirwaho n'ibikorwa byose byabanje, hakiyongeraho n'ibikorwa bizaza bikagukomerera, ariko iyo buri kintu ugifatiye umwanzuro mu gihe cyacyo, bituma ukora ibizaza ufite imbaraga z'imitekerereze n'iz'ibikorwa.

Ni na ngombwa kandi mu bikorwa ngirakamaro, utoranya iby'ingenzi kuruta ibindi, kandi ugatandukanya hagati y'ibyo utima wawe urarikiye ndetse n'ibyo ushaka; kubera ko ikinyuranyo cyabyo kiba impamvu yo kwiheba no

gucika intege, kandi ujye wifashisha muri byo imitekerereze mizima ndetse no kugisha inama, kubera ko umuntu wagishije inama ntiyicuza; kandi ujye wiga neza ibyo ushaka gukora mu buryo bwimbitseho, kubera ko iyo inyungu zagaragaye, ukagira umugambi ndakuka, ujye wiringira Allah, kubera ko Allah akunda abamwiringira.

Ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah, Nyagasani w'ibiremwa byose.

Amahoro n'imigisha bya Allah nibisakare ku wasozereje intumwa n'abahanuzi ari we Muhamadi, n'ab'iwe n'abasangirangendo be n'abamukurikiye ndetse n'abazamukurikira kugeza ku munsi w'imperuka.

❊❊❊

# Index

UBURYO NGIRAKAMARO BUKUGEZA KU BUZIMA BW'UMUNEZERO. .......... 2
Cyanditswe na: .......... 2
Ijambo ry'ibanze ry'umwanditsi. .......... 2
ICYIGWA: .......... 3
ICYIGWA: .......... 10
ICYIGWA: .......... 13
ICYIGWA: .......... 15
ICYIGWA: .......... 18
ICYIGWA: .......... 19
ICYIGWA: .......... 21
ICYIGWA: .......... 23

❊❊❊

رئاسة الشؤون الدينية
بالمسجد الحرام والمسجد النبوي

# رسالة الحرمين

# Message of The Two Holy Mosques

Guidance content for the visitors of the Holy Mosque and the Prophet's Mosque in languages.

978-603-8570-35-7